*They that can give up essential liberty to obtain a little temporary safety deserve neither liberty nor safety.*
Benjamin FRANKLIN

# IJAMBO

N° 37 Fax : (250) 7 6574 Tél 7 2695 B.P. 2154 KIGALI Cpte BCR 25 222/02 Avecom
100 Fr HANGIMANA Fr. Xavier : Rédacteur en Chef Tél. : 7 4886

"Give me liberty,
or give me death"
Patrick HENRY



*Aho kunigwa n'ijambo*
*uzanigwe n'uwo uribwiye*

## Inkuru zibabaje mu bugoyi

## Irondakoko mu miryango y'abihayimana

CENTRE DE FORMATION ET ... DE REC... C.F.R.C. B.P. 1313 Kigali RWANDA

## Burya NYIRANTAHO yari yarishe urubozo umugabo we



# Gisenyi :
# Baratinya urugamba bakaza kudusahura no kudusenyera

**Abantu benshi bakomeje kuvuga no kwandika bemeza ko iyi ntambara u Rwanda rurwana n'Inyenzi-INKOTANYI hari abategetsi batifuza ko yarangira. Abo bategetsi mu by'ukuri impamvu zibatera kwifuza ko intambara yakomeza ni nyinshi.**




*BIZIMANA yaj'ashwe apakuruza ibishyimbo.*

Iya mbere ni uko ntacyo ibatwaye nta n'icyo ibangiriza: bo ntaho bahurira n'amasasu y'umwanzi ngo abe yabamena agatwe bahasige ubuzima bwabo, nk'uko abasirikari bacu batari bacye badasiba kumena amaraso yabo barwanirira abaguye ivutu bigaramiye. Impamvu ya kabiri ni uko iyi ntambara ituma abategetsi batari bake bigwizaho umutungo bari kuzapfa batagezeho iyo iyi ntambara idatera: ubu ngo imbunda n'amasasu abasirikari b'igihugu barwanisha aho kugira ngo bigurwe n'igihugu mu mahanga mu buryo butaziguye, abategetsi bireba bahisemo guhitamo umuntu umwe ngo abe ariwe ujya abitumiza maze nawe nyuma abigurishe Leta y'u Rwanda. Ubwo we yitwa «grossiste», akaba yemerewe kunguka 15 ku ijana ku byo atumiza mu mahanga.

Murabona ko ayo mafaranga 15% apfa ubusa, Leta irayahomba biturutse ku nda nini y'abategetsi bamwe bafatanyije ubucuruzi n'uriya muntu utumiza mu mahanga kandi Leta ubwayo yashoboraga kubyikorera nta mananiza na busa. Uwo mugabo kandi niwe watetse umutwe afatanyije n'abo bategetsi maze atumiza amasaha arimo idarapo rya MRND maze ngo si ukuyungukamo karahava!

Ngo isaha yagiye atumiza ku mafaranga atarenze igihumbi yayagurishije ku bihumbi bine! Nyamara ubwo Minisiteri y'Ubucuruzi ishinzwe kubahiriza amategeko agenga ubucuruzi ikicecekera kandi ibona uwo muntu yunguka birenze ibyemewe n'amategeko kuko yagombaga kunguka 15% none akaba yunguka arenze 100%. Koko uru Rwanda ruzaba igihugu kigendera ku mategeko bitari mu bigambo gusa ryari? Ariko nanjye ndigiza nkana.

None se hari uyobewe ukuntu MRND ivuguruye yemewe na MUNYAZESA Fawusitini ko ari ishyaka kandi rinyuranyije n'itegeko n° 28/91 ryo kuwa 18 Kamena 1991 rigenga amashyaka ya politiki mu Rwanda mu ngingo yaryo ya 21. MUNYAZESA uwo nyamara ngo abarirwa muri bake igihugu gifite

andi bafite impamyabushobo-
itse mu by'amategeko. Kuge-
ı munsi kandi dutegereje ko
ko rw'Inama ya Leta rwasesa
ezo MUNYAZESA yafashe
wemeza MRND ho ishyaka
uryo bunyuranye n'amatege-

riko amakuru atugeraho muri
insi aratumenyesha ko Perezi-
urwo Rukiko nawe n'ubwo ari
amanza akaba rero nta bure-
ira afite bwo kugira ishyaka
umuyoboke, yahisemo kurya-
iyo dosiye kugeza ubwo ejo
kuwa 9/3/92 Jenerali Major
YARIMANA Yuvenali azaba
imyaka 55 akaba ofisiye
urezerivisiti ufite uburenga-
noneho busesuye bwo kujya
hyaka nta tegeko ripfuye.

Mu kuryamisha iyo dosiye,
kana ku mugaragaro ko ari
ambari n'umuja wa HABYA-
ANA na MRND ye, ibyo bika-
inyuranije no kuba umucama-
wigenga (indépendant du pou-
exécutif), bikaba binasebya u
nda rwiyita ko rugendera ku
egeko. Kwanga gukurikiza
tegeko kandi uri umucamanza
biterwa no gutinya kwamburwa
vanya, ibyo biteye agahinda.
angiye iyi nyandiko mvuga ko
abategetsi batari bake bifuza
iyi ntambara itarangira bitewe
yungu bayifitemo. None se
abo bishe amaategeko muri iki
cy'intambara bagamije kugu-
hwa mu myanya barimo bashi-
hwa n'uko intambara yarangira
o?

Bazi neza ko umunsi intambara
angiye, amategeko yose bishe
ana ariyo azabashinja. Abo kandi
nabo badasiba kwiyamirira ngo
akora ibishobotse byose ngo i-
mbara irangire. Ariko umuntu
kwitegereza neza agasanga nta
di kibashishikaza kitari ukwi-
mbira ku butegetsi ngo kugeza
he bazapfira.

None se umutegetsi muzima
inyuka kuvuga ngo arashaka ko abaturage batora bitarenze ukwezi kwa gatandatu k'uyu mwaka si umushinyaguzi koko? Uzahaguruka uri Burugumesitiri, uri Konseye cyangwa se undi wese washyizwe mu biro by'itora, maze ujye mu bigo by'abavanywe mu byabo n'iyi ntambara i RWEBARE, i RUKOMO, i BUTARO n'ahandi mu RUHENGERI na BYUMBA habyagiye impunzi zitagira ingano maze uzihe impapuro ngo nizitore? Izo mpunzi zaraye zitariye ngo zihage, zaraye zidasinziriye, izo mpunzi zitagira icyo zambara, zirimo zicwa n'indwara z'ibyorezo z'amoko yose, izo mpunzi zaraye rwantambi mu mbeho cyangwa zinyagirwa n'imvura, izo mpunzi mbese zimerewe nabi mu buryo bwose.

Umushinyaguzi rero ati: "nubwo intambara igikomeza, namwe mwa mpunzi mwe mukaba mumerewe nabi kubera iyi ntambara, nimuntore ntegeke u Rwanda ariko mwe mukomeze mwibere uko mumeze". Iyo se si inda nini ititaye ku mbabare iyi ntambara idahwema kongera. Aho kuvuga uti ngiye gukora iyo bwabaga intambara ibe irangiye mu gihe kitarenze aya mezi atandatu ari imbere maze abanyarwanda bose bazatore bari mu mahoro, ahubwo wowe wijuse uravuga ngo nubwo amasasu n'amabombe bizaba bibari hejuru mwa mpunzi mwe, mugomba gutora. Umuntu nk'uwo bigaragara ko nawe atifuza ko intambara irangira kuko yakomeza cyangwa se yahagarara, we ikimushishikaje cya mbere ni ubutegetsi, naho ubuzima bw'imbaga ikomeza guhitanwa n'iyi ntambara ntacyo bumubwiye.

## No ku Gisenyi barasenga ngo intambara idahagarara.

Mu minsi yashize twasomye mu IJAMBO n° 29 ukuntu BIZIMANA Andereya utegeka abajandarume i Gisenyi yari ashyamiranye n'abacuruzi bo mu mujyi wa Gisenyi bakuraga ibishyimbo kuri GOMA ho muri ZAIRE. Ngo yagize atya yumvisha Perefe ko abo bantu bakura ibishyimbo i GOMA bagirana imishyikirano n'Inkotanyi ziri kuri Goma cyangwa se ibyitso byazo, ko rero ubwo bucuruzi bukomeje abo bantu bashobora kubangamira umutekano w'igihugu cyane cyane uw'umujyi wa Gisenyi.

Ngo nibwo yahimbye amayeri yo kubahagarika. Ubwo abatuye umujyi wa Gisenyi batatse inzara, amara aritotomba arigorora kuko ibishyimbo, ikiribwa cyabo cy'ingenzi, cyari kibuze. BIZIMANA kandi yakoze ibyo atayobewe ko abagororwa, ibigo by'amashuri yisumbuye, ibigo bya gisirikari, ibyo byose bigaburirwa n'ibishyimbo bituruka kuri GOMA, byazanwaga n'abo bacuruzi.

Ibyo rero BIZIMANA yabikoze abitewe n'ishyari yari afitiye abo bacuruzi kuko yabonaga inyungu itubutse bakuragamo. Nibwo yahise yumvikana n'umuzayirwa umwe rukumbi witwa KAPITENI ngo abe ariwe ufata iryo soko ariko mu by'ukuri bakaba bafatanije mu mayeri. Ntibyatinze BIZIMANA afatirwa muri OCIR i Gisenyi ariho apakuruza anapimura ibishyimbo byari byoherejwe na KAPITENI. Icyo gihe abanyamakuru ba Hassani NGEZE na KANGURA bafashe amafoto atagira ingano nyamara nta n'icyerekeye iyo nkuru cyigeze gisohoka muri KANGURA.

Ariko twaje kumenya ko NGEZE yahawe ruswa na benshi mu bategetsi ba GISENYI ngo atajya yandika amakosa yabo angana n'ay'ingurube. Ngaho rero namwe mwibaze maze mumbwire. BIZIMANA uwo se, umuntu akurikije inyungu afite muri ubwo bucuruzi ituma yari agiye guhotoza inzara abanyeshuri, abanyururu n'ingabo z'igihugu, yakwifuza ate ko intambara irangira kandi ariyo yamuhaye impamvu yo guhagarika bariya bacuruzi ngo abone uko afatanya n'umuzayirwa KAPITENI ubucuruzi bwari busanzwe bukorwa n'abandi bantu bazwi bo mu

# Irondakoko ribaye ubukombe mu muryang w'Abafurere b'Abamarisiti

Abafurere b'abamarisiti (Frères Maristes) bamaze igihe kitari gito mu Rwanda. Irondamoko ubu rimaze gutera ikibazo gikomeye muri uwo muryango ahanini ryahawe intebe muri iyi myaka makumyabiri ishize.

Ubundi uriya muryango ukiza mu Rwanda, wazanywe n'abazungu batuŕutse i Burayi. Nibwo abanyarwanda barimo abahutu n'abatutsi bawitabiriye bakora amasezerano. Kugeza mu mwaka w'1970 urebye ibibazo byo kuronda amoko byari bitarakomera cyane, bitewe nuko abazungu aribo ahanini bategekaga. Ibyo ariko ntibyabuzaga abatutsi kurakazwa nuko abahutu bazaga kwiha Imana muri uwo muryango. Wasangaga bagerageza (abatutsi) kuregaguza abahutu nubwo rimwe na rimwe abazungu basaga n'abahosha ayo matiku.

Guhera mu mwaka w'1970 nibwo abafurere b'abatutsi bari bamaze kuba benshi no guhabwa imyanya mu muryango. Sibwo se mwene gahutu atangiye kugambanirwa! Abafurere baranzwe n'ubugome butagira urugero ndetse na n'ubu bakaba bakomeje gutoteza abahutu ni benshi. Ab'ingenzi ni BISENGIMANA Fabien ubu uyobora ikigo cy'amashuri cy'i Save (Groupe Scolaire de SAVE), RWESA Etienne wayoboye igihe kirekire umuryango w'Abamarisiti, NDANGA Spiridion wayoboye ikigo gitegura abazaba abafurere "NOVICIAT", KAREKEZI ubu wigisha i SAVE n'abandi.

## Furere RWESA Etienne ati: ntimuzemerere umuhutu n'umwe.

Abakurikiraniye hafi imibereho ya Furere RWESA bazi neza ko ari umututsi wo ku Gikongoro uzi neza ko ari igikomangoma. Yabanje kuba umwarimu w'amashuri abanza noneho ahungira mu bafurere b'abamarisiti kubera inyota yo gutegeka. Ikindi kandi abamuzi neza bemeza nuko mu bitekerezo bye yumva nta muhutu n'umwe ushobora kwiha Imana ngo kuko Imana itashobora gutora umuntu w'igicucu utagira uburanga.




RWESA Etienne yakuranye imigambi mibi cyane. Yamaze kwinjira mu muryango w'abamarisiti bamushakira amashuri kubera guhakirizwa. Amaze kurangiza bamuhaye kuyobora ikigo muri Zaïre kuko u Burundi, u Rwanda na Zaïre byari bigize PROVINCE imwe. Birumvikana ko yahise abona umwanya wo gushyira mu bikorwa umugambi we mubi, abazayirwa babanye nawe abenshi bahisemo gusezera mu muryango bahunga akarengane no gutotezwa n'igikomangoma RWESA.

Koko Imana ni umubyeyi ugira impuhwe. Naho ubundi ntibyumvikana ukuntu RWESA yaba akiri kuri iyi si atarahabwa igihano kimukwiriye. Nubwo nta mukirisitu wakwifuriza undi gupfa, ariko haba igihe wibaza icyatumye Imana irema abantu nka bariya bikakuyobera. Reka twigarukire ku marorerwa ya RWESA muri Zaïre. Iyo umuhutu yabaga aje mu biruhuko mu Rwanda, yahabwaga 1/4 cy'amafaranga ahabwa umututsi. Naho yaba ari umuzayirwa (dore ko nabo ari abahutu) agahabwa 1/5 cy'amafaranga ahabwa umututsi. Ubwo koko ubwo busumbane bw- baye bushingiye kuki ko bose ba- haga mu modoka z'umuryango b- gera iwabo? Ngibyo ibyatu- abahutu benshi bacika intege.

Amarorerwa ya RWESA yako- meye cyane mu 1980 igihe ya- amaze gutorerwa kuba umuyobo- mukuru (Provincial) w'Abafure- b'Abamarisiti. Mbere yaho akiyo- bora "NOVICIAT" yari yararahi- ko hatazagira umuhutu n'umw- winjira mu muryango, noneho ama- ze gutorwa kubera amatiku ye n- bene wabo aba abonye umwany- wo gutoteza abahutu ku mugaraga- ro.

Ribara uwariraye! RWESA aki- mara gutorerwa kuba PROVINCIAL w'Abamarisiti yashyizeho umututsi witwa NDANGA Spiridion kugi- ngo amusimbure mu buyobo- bw'ikigo kirera abitegura kuba aba- furere "NOVICIAT". Yamuhaye amabwiriza yo kwirinda kwakira umuhutu uwo ariwe wese. Ibyo Furere NDANGA yarabyubahirije rwose. Ni nayo mpamvu usanga nta muhutu n'umwe winjiye mu Bamarisiti muri iyi myaka cumi n'itanu ishize.

Hagati aho RWESA yagiye muri Zaïre dore ko ariho hari icyicaro cy'umukuru w'umuryango, maze atoteza abahutu n'abazayirwa

n'abanyarwanda karahava. Abazayirwa bamaze kubibona batyo basaba ko u Rwanda rwatandukana na Zaire, nta kundi byari kugenda. Ubugome bwa RWESA ntibwari kugarukira hafi. Ubugome bwagirirwaga abahutu mu Rwanda bwari bushyigikiwe na BISENGIMANA Fabiyani na NDANGA. Nyuma y'imyaka cumi n'itanu kugira ngo uzabone umuhutu mu Bamarisiti ni ikidashoboka.

## Furere KAGABO yazize iki?

Abazi neza ibya Furere KAGABO bababazwa n'ibyago bikomeye yagiriwe n'abatutsi bo mù Bamarisiti kubera ko ari umuhutu. KAGABO yarangije amashuri yisumbuye ari umuhanga ku buryo budasubirwaho. Ibyo ariko byababazaga abatutsi barongowe na Furere RWESA na BISENGIMANA. Abandi batutsi b'amadebe bamaze guhabwa amashuri muri za Kaminuza, RWESA wari PROVINCIAL yagize isoni yemerera Furere KAGABO kujya kwiga mu Bufaransa. Hashize imyaka ibiri gusa, Rwesa ahamagaza Furere KAGABO kugira ngo atavaho arangiza amashuri ngo abe yabona umwanya ukomeye mu muryango. Ibyo koko bitaniye he no kuroga?

Ikindi kibabaza kurushaho ni uko KAGABO ufite ubwitonzi butaragara kandi akaba koko yariyeguriye Imana nta buryarya, yabajijie icyo azira baramubwira ngo ntareba iyo ndeshyo ye n'ayo mazuru? Ni aho kumirwa!

Undi wahuye n'ingorane zikomeye ni uwitwaga Furere KAYUMBA wari waragize amahirwe yo kwiga iyobokamana muri Kaminuza yi KINSHASA ahavana impamyabumenyi ihanitse (LICENCE). Nubwo iyo buruse yari yarayihawe n'abazungu bategeka umuryango, ntibyabujije abatutsi kumutoteza bageza igihe amaraso yenda guhagarara. Ubu yahisemo guhunga ayo matiku ajya kuba Padiri. Ukize inkuba arayiganira! Ubu ni Padiri Mukuru (Curé) wa Paruwasi Cyahinda. Nakomere Imana ntishobora guterera abayo.

Hari kandi n'ubundi bugome buvanze n'ubuswa bwakozwe na Furere RWESA. Yahaye buruse mwene wabo MUNYENGANGO Karoli wari urangije amashuri yisumbuye afite amanota 50,5% amujyana i Roma kugira ngo atazatsindwa mbere yo kwinjira mu Bamarisiti. MUNYENGANGO yari umututsi w'umusambanyi wamaramaje. Yari yarateye abakobwa amada, yasambanaga na za maraya Ngoma, i Tumba, i Kigali n'ahandi. Furere RWESA yamwemereye kwinjira mu muryango kugira ngo umubare wa bene wabo wiyongere. Cyakora icyashimishije ni uko iyo ngirwa furere yageze i Burayi igahitamo kwikomereza ubusambanyi igasezera mu muryango. Ubwo se bimaze iki gushyigikira umuntu ngo ni uko ari umututsi mwene wanyu nta guhamagarwa?

## Furere Fabiyani BISENGIMANA ni umusambanyi w'icyamamare.

Uwavuga ibikorwa by'ubugome bya BISENGIMANA Fabiyani utegeka urwunge rw'amashuri i SAVE bwakwira bugacya. Dore nawe guhera mu 1977 yigaruriye umututsikazi KAYITESI uvura muri Dispendaire i Save. Ababikurikiraniye hafi bazi ko BISENGIMANA na KAYITESI bakomwe n'ingeso y'ubusambanyi irenze urugero. Basambana ijoro n'amanywa, birumvikana ko iyo biza gukorwa n'umuhutu aba yarirukanywe. Ariko rero kubera ko Bisengimana ari umututsi akaba afitanye isano na Padiri RWIRANGIRA umuhungu wa Musenyeri GAHAMANYI ntacyo bishobora kumutwara. Igitera ishavu ni ukubona ukuntu KAYITESI ubu yazanye iminkanyari. Yarakecuye pe, kandi Bisengimana yanze kuvamo ngo amurongore bigaragare. Ahubwo ashimishwa no kumurya ivandu gusa.

Hagati aho abanyeshuri b'i Save bakomeje kubabazwa cyane n'imyifatire mibi n'umuyobozi wabo Bisengimana. Ingeso y'ubusambanyi ubwayo ni iyo kwamaganwa ku muyobozi w'ikigo nka kiriya. Hiyongeraho kandi nuko BISENGIMANA avangura amoko ku mugaragaro. Ingero ni nyinshi. Imyivumbagatanyo n'imvururu zabaye mu kwa kabiri umwaka ushize w'1991, zatejwe na Furere BISENGIMANA atafanije n'undi mututsi witwa KAREKEZI.

Ibyo byagaragajwe nuko abatutsi bari baraguriwe na Furere KAREKEZI inkota n'ibyuma byo kuzatsemba abahutu. Naho BISENGIMANA we akabimenya akanuma. Ariko koko abatutsi nubwo ari abagome, ni abatesi. Nawe se i Save mu Rwunge rw'amashuri ko higa abanyeshuri 850, muri abo hakabamo abahutu barenga 700 n'abatutsi ijana gusa! Ngaho nimumbwire ukuntu abatutsi bangana kuriya bari gutsemba abahutu 700! Ni inzozi. Nyamara wasangaga abatutsi bafashe inkota zabo ngo bagiyie gutsemba abahutu babifashijwemo na Furere KAREKEZI na BISENGIMANA. Ubugome bw'abatutsi bubari mu maraso.

Dukomeje rero guhanga amaso abepisikopi bacu. Twebwe abahutu ntituzigera twemera na rimwe ko abatutsi baba bonyine binjira mu muryango y'abihayimana. Ibyo kandi tubihuriyeho n'abashumba ba Kiliziya Gatolika. Nibahe itegeko, abafurere b'Amarisiti bareke abahutu binjire mu muryango wabo. Kugira ngo ibintu bigende neza bakwiye gushyiraho umupadiri w'umuhutu kugira ngo abe ayobora by'agateganyo umuryango. Ibyo byatuma abahutu bifuza kwinjiramo bataburizwamo. abepisikopi kandi nibihutire kwirukana mu bafurere b'Abamarisiti ba gashakabuhake b'abatutsi aribo RWESA, BISENGIMANA, NDANGA na KAREKEZI. Tubaye tubashimiye ubwitange basanganywe.

*MUNYANTWARI Fulgence.*